ITEGEKO SHINGIRO RYA REPUBULIKA Y'U RWANDA (Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, 1995, n° 11 yo ku wa mbere Kamena, 1995, Urup. 3).

IRANGASHINGIRO:

Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho, iteraniye mu nama yayo yo ku munsi wa gatanu w'ukwezi kwa Gicurasi 1995;

Ikurikije ingingo za ngombwa Amasezerano ya Arusha hagati ya Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda na Front Patriotique Rwandais yasinyiwe Arusha ku itariki ya 4 Kanama 1993 muri Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya ashingiyeho, arizo izi zikurikira:

a. Igihugu kigomba kugendera ku mategeko yubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu;

b. Gushinga umutwe umwe w'ingabo z'igihugu, utavangura Abanyarwanda kandi wiyemeje kurengera inyungu z'igihugu;

c. Gusaranganya ubutegetsi hashyirwaho Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye;

Yitegereje ko kuva igihe ayo Masezerano y'Amahoro yashyiriweho umukono, ubutegetsi bwa nyakwigendera Perezida Habyarimana Yuvenali bwakomeje gutegura inzitizi zo kubangamira ishyirwa mu bikorwa ryayo ari nako bwanonosoraga umugambi w'itsembabwoko n'itsembatsemba, bityo bukagira imfabusa ibyakozwe byose kugira ngo intambara irangizwe n'imishyikirano.

Yibuka ibitambo byose by'itsembabwoko n'itsembatsemba byazize ubwo butegetsi kandi yiyemeza gukora ibishoboka byose ngo ubutegetsi nk'ubwo n'amacakubiri bwakoresheje butazongera kubaho ari mu Rwanda, ari n'ahandi.

Imaze kubona ko imbaga y'Abanyarwanda yatsinze ubutegetsi bw'igitugu n'ibitekerezo by'amacakubiri bibangamiye demokarasi n'ukwishyira ukizana;

Yishimira amahoro yagezweho nyuma y'akaga karenze kamere kajegeje Abanyarwanda, gatewe n'ubutegetsi nkoramaraso bwahiritswe.

Imaze kwiyemeza gushimangira igikorwa cyo kubohoza Abanyarwanda cyatangiwe n'ingufu z'abana b'u Rwanda, cyane cyane hashyirwa mu bikorwa amahame y'ubwiyunge, kwihanganirana no gufashanya kw'Abanyarwanda kandi hafatwa ingamba zo kubaka u Rwanda ari mu by'ubukungu, mu by'imibereho myiza no guteza imbere umuco wa demokarasi;

Yiyemeje ko ari ngombwa ko Ingabo z'Igihugu zihagararirwa mu Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho;

Yemeje iri Tegeko Shingiro rizagenga Repubulika y'u Rwanda mu gihe cy'inzibacyuho:

1. - Itegeko Shingiro rya Repubulika y'u Rwanda rigizwe mu buryo bukomatanye n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 10 Kamena 1991, Amasezerano y'Amahoro ya Arusha, Itangazo rya FPR Inkotanyi ryo ku wa 17 Nyakanga 1994 ryerekeye ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi n'Amasezerano hagati y'imitwe ya politiki FPR, MDR, PDC, PDI, PL, PSD, PSR na UDPR yerekeye ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi bw'igihugu yashyizweho umukono ku wa 24 Ugushyingo 1994.

2. - Habaye ivuguruzanya hagati y'ingingo z'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha n'izigize Itangazo rya FPR Inkotanyi ryo ku wa 17 Nyakanga 1994 ryerekeye ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi, izo zivuzwe nyuma nizo zikurikizwa. Na none habaye ivuguruzanya hagati y'ingingo zigize Itangazo rya FPR Inkotanyi ryo ku wa 17 Nyakanga 1994 ryavuzwe haruguru n'izigize Amasezerano hagati y'imitwe ya politiki FPR, MDR, PDC, PDI, PL, PSD, PSR na UDPR yerekeye ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi bw'igihugu yashyizweho umukono ku wa 24 Ugushyingo 1994, ingingo zivuzwe nyuma nizo zikurikizwa.

3. - Iri Tegeko Shingiro ritangira gukurikizwa guhera ku wa 17 Nyakanga 1994.

Kigali, ku wa 26.05.1995.

IJAMBO FPR INKOTANYI IGEZA KU BANYARWANDA RYEREKEYE ISHYIRWAHO RY'INZEGO Z'UBUTEGETSI.

Amasezerano ya Arusha nkuko mubizi yari yateguranywe ubwitonzi bwinshi hagamijwe kurangiza intambara no kubaka igihugu kigendera ku mategeko yubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Kugira ngo ibyo bishoboke hagombaga ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi, ibitekerezo binyuranye kandi byubaka, ukwishyira ukizana n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu na byo bikubahirizwa. Ayo masezerano mu by'ukuri yari intango Abanyarwanda bashingiraho kugira ngo igihugu kigere ku mahoro asesuye kandi akomeye twifurizaga abariho bose ndetse n'abazavuka. Amasezerano ya Arusha yateganyaga ishyirwaho ry'umutwe umwe w'ingabo z'igihugu ugizwe n'abasirikare bamwe bakomoka mu ngabo za Leta yariho n'abandi bakomoka mu ngabo za FPR-Inkotanyi. Yateganyaga kandi ukuntu ubutegetsi bwagabanywa mu rwego rwa gouverinoma y'inzibacyuho yaguye. Igihe cy'inzibacyuho cyagombaga gusozwa n'amatora ashingiye kuri demokarasi atarimo agahato kandi adafifitse.

Kuva igihe aya masezerano yashyiriweho umukono kw'itariki ya 4/8/1993 ingoma ya nyakwigendera Perezida Habyarimana Yuvenali yakomeje gutegura inzitizi zo kubangamira ishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano. Ni nabwo yanonosoraga umugambi wo gutsemba Abatutsi, Abanyapolitiki bo muri opposition n'ubundi bwicanyi bugikomeza gukorwa mu gace k'igihugu kakigenzurwa n'abahoze ari ingabo z'igihugu ubu bamaze gushegeshwa. Kubera kuba zaremeye kugendera ku matwara n'ibitekerezo binyuranye n'ingingo zikubiye mu Masezerano ya Arusha, ndetse n'amategeko yemewe kw'isi hose, ingabo za Leta zananiwe kubahiriza inshingano yazo yibanze yo kurinda umutekano w'abaturage

n’umutungo wabo. Ikibabaje kurusha ni uko izi ngabo zagize uruhare runini mu bikorwa byo gutsemba abantu, n’ubundi bwicanyi.

FPR-Inkotanyi yasanze nta kundi byagenda, yiyemeza gufata intwaro kugira ngo ihagarike ibikorwa by’ubwicanyi. Ikaba ari nayo mpamvu FPR isanga igomba gukomeza umugambi wayo wo kubohoza Abanyarwanda ikabakura ku ngoyi y’agatsiko k’abanyapolitiki n’abasirikare b’inkozi z’ibibi. Ako gatsiko nta shiti kagiye gutsindwa burundu. Igikorwa cyo kubohoza Abanyarwanda aho igihe kigeze kiradusaba gushyiraho guverinoma n’izindi nzego z’ubutegetsi kugira ngo amahoro n’umudendezo bishobore gushinga imizi kuko ari byo bizaba ishingiro ryo gusana igihugu no kongera gukora imirimo inyuranye kandi ikenewe. Kugira ngo ibyo byose bishoboke FPR yiyemeje gutangaza ibi bikurikira:

1. Twemera byimazeyo ingingo za ngombwa Amasezerano ya Arusha ashingiyeho ari zo izi zikurikira:

a. Igihugu kigomba kugendera ku mategeko yubahiriza uburenganzira bw’ikiremwamuntu;

b. Gushinga umutwe w’ingabo z’igihugu, utavangura Abanyarwanda kandi wiyemeje kurengera inyungu z’igihugu;

c. Gusaranganya ubutegetsi hashyirwaho Guverinoma y’Inzibacyuho yaguye.

FPR yemera ko Itegeko Shingiro igihugu kigenderaho muri iki gihe rigizwe n’Itegeko Nshinga ryo ku itariki ya 10 Kamena 1991 hamwe n’Amasezerano y’ Arusha. Ariko ingingo zimwe zikavugururwa hakurikijwe ibyabaye mu gihugu muri ibi bihe.

2. Turamenyesha abantu bose ko ku wa kabiri tariki ya 19 Nyakanga 1994 hazashyirwaho Guverinoma y’Ubumwe bw’Igihugu izaba yaguye bihagije. Iyo Guverinoma izayoborwa na Minisitiri w’Intebe, kandi izaba igizwe n’umubare w’imyanya utegenywa n’Amasezerano y’Amahoro ya Arusha. Cyakora hemejwe gushyirwaho urwego rushya rwa Visi-Perezida wa Repubulika. Uwo mwanya uzawushingwa azawubangikanya n’uw’ubuminisitiri.

Dukurikije ko amashyaka ya politiki yaciwe imitwe, kandi mu by’ukuri akaba asa n’atakiriho kubera ukuntu yiciwe abayobozi, biragaragara ko uburemere n’umwanya yari afite muri politiki y’igihugu mu gihe twemezaga igice cy’Amasezerano y’Arusha kerekeye isaranganya ry’ubutegetsi byahindutse cyane. Kubera izo mpamvu, guverinoma izaba igizwe n’abantu batoranijwe na Minisitiri w’Intebe afatanije na Perezida wa Repubulika kandi abemeye.

Abo bantu bazatoranywa hakurikijwe ubushobozi bwabo no kuba bahagarariye amashyaka ya politiki nk’uko yari ateye mbere y’uko imirwano yongera kwubura kubera itsembatsemba n’ubwicanyi.

3. Amashyaka MRDN, CDR n’andi yose yigeze kugirana n’ayo mashyaka ubumwe mu murongo wa politiki cyangwa ibice by’amashyaka byashyigikiye guverinoma yishyizeho kw’itariki ya 9 mata 1994 ntibizagira uruhare mu nzego z’ubutegetsi. Umwanya wa Perezida wa Repubulika, imyanya ya za Minisiteri n’iy’abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko yari yaragenewe ayo mashyaka akuwemo izafatwa na FPR-Inkotanyi, kubera uruhare rwayo mu

kurwanya ingoma y'igitugu bituma FPR-Inkotanyi igira inshingano ikomeye yo gucunga ko inzira yo kugarura amahoro, ubwiyunge bw'abaturarwanda no kwubaka igihugu itabangamirwa n'amacenga ya politiki.

4. Inteko Ishinga Amategeko izaba igizwe n'umubare w'abadepite wagenwe mu Masezerano y'Amahoro y'Arusha. Izashyirwaho mu gihe cy'ukwezi kumwe uhereye kw'itariki y'ishyirwaho rya guverinoma. Hagati aho amategeko azashyirwaho na guverinoma hakoreshejwe uburyo bw'amategeko-teka. Abadepite bagize Inteko Ishinga Amategeko bazatangwa n'amashyaka ateganijwe n'Amasezerano y'Amahoro hakurikijwe imyifatire n'ibitekerezo byabo ku buryo bwa politiki, mbere na nyuma y'itariki ya 6 Mata 1994. Iyo myitwarire izasuzumwa kugira ngo hatazavamo abafite cyangwa abashyigikiye amatwara n'ibitekerezo by'ubugome n'irondakoko cyangwa ivangura. Hemejwe kandi ko umutwe w'ingabo uzahagararirwa mu nzego z'ubutegetsi by'umwihariko mu Nteko Ishinga Amategeko.

5. Ubutegetsi bw'Inzibacyuho buzamara igihe cy'imyaka itanu.

6. Perezida wa Repubulika azagira ububasha bwo guhindura abagize guverinoma cyangwa kuyivugurura no gukuraho Minisitiri w'Intebe abanje kubyumvikanaho n'Inteko Ishinga Amategeko.

Mu gihe Minisitiri w'Intebe avuyeho, umushya azashyirwaho, bikurikije ubwumvikane no kujya inama n'amashyaka afite uruhare mu nzego z'ubutegetsi. Uko ubwo bubasha buzashyirwa mw'Itegeko Shingiro bizakorwa nyuma y'ishyirwaho ry'Inteko Ishinga Amategeko.

7. Ubutegetsi nyubahiriza-tegeko buhuriweho na Perezida wa Repubulika na Guverinoma, ibyo bikagaragarira mu byemezo bifatirwa mu nama ya Leta. Mu gihe inzira zo gufata ibyemezo ziteganijwe mu ngingo ya 21 y'igice cy'Amasezerano y'Amahoro cyerekeranye n'isaranganya ry'ubutegetsi zaba zarakoreshejwe ariko ntihagire umwanzuro wumvikanwaho, Perezida wa Repubulika azajya afata icyemezo gikwiye.

8. Nkuko biteganijwe mu Masezerano y'Amahoro y'Arusha hazashingwa umutwe w'ingabo z'igihugu nyazo zigomba kurangiza inshingano ziri mu Masezerano y'Amahoro. Cyakora kubera ko umutwe wahoze witwa ingabo za Leta y'u Rwanda, zakomeje gukorera ubutegetsi bubisha zirengagiza ubutumwa bwinshi zagejejweho n'ubuyobozi bw'ingabo za FPR, gushyirwa mu mutwe mushya w'ingabo z'igihugu ko abasirikare bahoze mu ngabo za Leta kuzabanzirizwa n'ijonjora ry'abasirikare nyakuri batigeze bagira uruhare ku giti cyabo mu bikorwa by'amahano byabaye muri iki gihugu. Ibyerekeye iyubahirizwa ry'iki cyemezo bizatunganyirizwa mu buryo bwo gushyirwa mu bikorwa igice cy'amasezerano cyerekeye ishyirwaho ry'umutwe umwe w'ingabo z'igihugu. Abayobozi b'ingabo n'abasirikare bazaba batoranijwe muri ubwo buryo bazashyirwa mu murimo hakurikijwe amapeti n'intera bariho mbere y'itariki ya 6 Mata 1994.
Ingingo z'Amasezerano y'Amahoro zerekeranye n'irangira ry'imirwano, gukusanya abasirikare mu makampi, n'umwanya wa MINUAR mu byerekeranye no kurema umutwe

umwe w’ingabo z’igihugu, zizahindurwa mu buryo bukwiye bwo kwubahiriza icyo gice cyayo masezerano.

9. Andi mashyaka ya politiki agomba kugira uruhare mu nzego z’ubutegetsi yamenyeshejwe kandi yemera ibikubiye muri iri tangazo. Bureau politiki ya FPR yemeje ko Bwana Pasteur BIZIMUNGU abaye Perezida wa Repubulika.

10. Bwana Faustin TWAGIRAMUNGU niwe Minisitiri w’Intebe uzayobora Guverinoma y’Ubumwe.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 17 Nyakanga 1994.

Perezida wa FPR-Inkotanyi
Koloneli Alegisi KANYARENGWE
(sé).